NZAJYIBWAMI Missac
Komini Kivu
Perefegitura Gikongoro.

Kivu, kuwa 15/04/1997

D.C
Nge mbona Gaculiro operations zose zikwiye Audit.

Naho observations zange nazigaragaje.

Audit ...
23.04.97.

A traiter par : DJ
Date entrée : 16/4/97
N° Classement : 1041/21

Nyakubahwa Bwana Minisitiri
w'Urubyiruko, imikino n'imyuga iciriritse
KIGALI.-

25/4/97

Impamvu: Kwishyuza amafaranga 411.500 no guteza ubwega.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Nshimishijwe no kwongera kubandikira mbasaba ko Minisiteri y'urubyiruko, imikino n'imyuga iciriritse muyobora yanyishyura amafaranga ibihumbi magana ane na cumi na kimwe na magana atanu (411.500F.) Uwo mwenda uturuka ku masezerano twagiranye kuwa 20/05/96 yo kubazanira imbaho ibihumbi bitatu (3.000 planches) nk'uko bigaragazwa na Bon de Commande n° 02/96 yakozwe na Rutagengwa Cyrille umuyobozi wa C.F.J Gaculiro kuriyo taliki yavuzwe haruguru. Icyo kigo cyakiriye imbaho ibihumbi bitatu na magana cyenda na makumyabiri n'eshatu (3.923).

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, nk'uko nabibandikiye kuwa 10/12/96 nkanabyibutsa mu ibaruwa yanjye yo kuwa 10/01/97 izo mbaho nazigemuye mu kigo cy'i Gaculiro mu kwezi kwa gatandatu 1996 hagiye gushira umwaka wose kandi zarabyajwe umusaruro kuko ibyakozwemo Unicef yarabishimye ndetse iranabyishyura.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri, nubwo ntahwemye kwishyuza haba mu mvugo haba no mu nyandiko njye mbona atari amafaranga yabuze, kuko Unicef yarangije kwishyura kera ahubwo ari ubushake buke, mukirengagiza ko nanjye nari nazikopesheje mu mashyirahamwe nka ISABAKI n'andi ubu akaba acumbagira ndetse ari hafi gusenyuka kandi ariyo mwiyemeje kurengera no guteza imbere. Kubera ko ubu ayo mashyirahamwe angeze k'ubuce akaba yaratangiye kumbarira inyungu za 25% ndetse ubu akaba yarankomanyirije ntashobora kubona imbaho ntabanje kwishyura kandi mbere barankopaga, ndabamenyesha ko nihashira iminsi cumi n'itanu (15jours) ikibazo cyanjye kitabonye igisubizo nzitabaza inkiko kandi ugatangira kubara inyungu za25%z'ubukererwe ntayindi nteguza.

Nyakubahwa Bwana Minisitiri ndangije nongera kubatakambira ngo munyishyure nanjye mbashe kwishyura abampaye izo mbaho banyizeye kandi namwe babafitiye icyizere cyane cyane ko arimwe mushinzwe ibibazo by'amashyirahamwe.

Mbifulije ishya n'ihirwe mu mirimo yanyu. Mugire Amahoro.

.../...

NZAJYIBWAMI Missac.

[signature]

BIMENYESHEJWE:

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  B.P. 15 KIGALI.

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  B.P. 24 KIGALI.

- Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe
  B.P. KIGALI.

- Bwana Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y'Urbyiruko, Imikino n'imyuga icirititse
  KIGALI.

- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko n'amashyirahamwe muri Minisiteri y'urubyiruko, imikino n'imyuga iciriritse
  KIGALI.

- Bwana NGAMIJE Augustin Umuyobozi w'Ikigo C.F.J i GACULIRO.
  KIGALI.

Ishyirahamwe ISABAKI
GIKONGORO MUDASOMWA

HOMETSEHO:

- Bon de Commande n° 02/96 yo kuwa 20/05/96
- Fagitire n°042/96 yo kuwa 12/10/96
- Ibaruwa yo kuwa 10/12/96
- Ibaruwa yo kuwa 10/01/97
- Ibaruwa y'umuyobozi w'ikigo cy'urubyiruko cy'i Gaculiro yo kuwa 28/2/97.